*Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.*

# DISIKURU

POROKIRERI

Arusha, 11 Ukuboza 2019

## Ijambo rya Bwana Serge Brammertz

## Umushuinjacyaha Mukuru w' Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha yagejeje ku nama Ishinzwe Umutekano y'Umuryango w'Abibumbye New York, 11 Ukuboza 2019

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Murakoze kumpa uyu mwanya kugira ngo mbagezeho amakuru yerekeranye n'imirimo ikorwa n'Ibiro bya Porokireri w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha.

Raporo yanjye yanditse ikubiyemo amakuru arambuye yerekeranye n'ibyakozwe hamwe n'ibyagezweho mu gihe kirebwa n'iyi raporo ku birebana n'intego zacu z'ibanze uko ari eshatu. Uyu munsi ndifuza kugira icyo mvuga ku ngingo zimwe na zimwe z'ingenzi.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Ibintu byabaye mu gihe kirebwa n'iyi raporo bigaragaza ko imirimo yacu y'insigarira ifite akamaro kandi ari ngombwa.

I Lahe, mu iburanisha bundi bushya ry'urubanza rwa Stanisic na Simatovic no mu rubanza rwa Mladic mu bujurire, Ibiro nyobora byiyemeje kubahiriza ibihe ntarengwa byose byatanzwe n'Urukiko no gutanga, mu buryo bunoze, ingingo z'ubushinjacyaha.

Ku ishami ry'Arusha, Ibiro nyobora byafashe ingamba zikomeye hagamijwe kurangiza manda, twahawe n'iyi Nama, yo gukomeza kurinda umutekano w'abatangabuhamya no gukurikirana ibyaha byo gusuzugura Urukiko biteganywa na Sitati ya IRMCT.

Mu kwezi kwa Nzeri, Urugereko rw'Ubujurire ntirwemeye Icyifuzo cya Augustin Ngirabatware gisaba ko imikirize y'urubanza rwe isubirwamo, maze rugumishaho imikirize yamuhamije icyaha mu bujurire. Nyuma yaho, hashize

ibyumweru bike, Umucamaza umwe rukumbi rero yemeje Inyandiko y'ibirego yakorewe Ngirabatware. Muri iyo Nyandiko y'ibirego, Ngirabatware akurikiranyweho ibirego bibiri byo gusuzugura Urukiko, n'ikindi kimwe cyo guhamagarira abandi bantu gusuzugura Urukiko.

Mu mwaka wa 2014, Augustin Ngirabatware, wari Minisitiri muri Guverinoma y'u Rwanda, yahamwe n'icyaha cyo guhamagarira abantu gukora jenoside, icyo gukangurira abantu kuyikora n'icyo gushyigikira ikorwa ryayo. Yahanishijwe gufungwa imyaka 30.

Mu mwaka wa 2016, Ngirabatware yasabye Urugereko rw'Ubujurire kuvanaho imyanzuro yamuhamije ibyaha, avuga ko hari ikimenyetso gishya cyabonetse nyuma y'icibwa ry'urubanza rwe.

By'umwihariko, yavuze ko abatangabuhamya bane bamushinje mu rw'iremezo bisubiyeho bakavuguruza ubuhamya batanze icyo gihe.

Igihe Ibiro nyobora byakoraga iperereza kuri iki kibazo, byavumbuye ibimenyetso byinshi bigaragaza ko hariho umugambi mubisha waguye, wahuje abantu benshi mu gihe cy'imyaka irenga itatu. Uwo mugambi wari ugamije koshya abo batangabuhamya uko ari bane kugira ngo bisubireho bavuguruze ubuhamya batanze mu rw'iremezo. Twifashishije ibyo bimenyetso, twagaragaje ko Ngirabatware ahamwa n'icyaha cya Jenoside, ubu tukaba twarakoreye Inyandiko y'ibirego abantu batandatu baregwa icyaha cyo gusuzugura Urukiko harimo na Ngirabatware ubwe.

Ibi byagezweho bigaragariza neza abatangabuhamya bose batanze ubuhamya muri TPIR, TPIY na IRMCT ko IRMCT ikomeza kubarindira umutekano.

Kugira ngo imirimo y'ubutabera ikorwe mu buryo buboneye, igihe habonetse icyabaye gishya cyemewe, ni ngombwa ko IRMCT iha abantu bakatiwe umwanya wo gusaba ko imikirize y'urubanza rwabo isubirwamo.

Na none ariko, Ibiro nyobora bizarwanya, nta kujenjeka, igikorwa cyose cyaba kigamije gutesha agaciro imanza zaciwe na TPIR, TPIY na IRMCT binyuze mu ikorwa ry'ibindi byaha. Bene ibyo bikorwa byo gusuzugura Urukiko ni ubundi buryo bwo guhakana jenoside bugomba kurwanywa kugira ngo amahoro, ubwiyunge n'ukuri bisugire.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Nk'uko nabibabwiye muri raporo iheruka, Ibiro nyobora byagiye bifata ingamba zikomeye kugira ngo bishyire imbaraga mu bikorwa byacu bigamije kumenya aho abantu umunani TPIR yakoreye Inyandiko z'ibirego batarafatwa baherereye maze batabwe muri yombi. Uwo ni umwe mu mirimo y'insigarira y'Ibiro nyobora ikomeye kurusha indi. Mu myaka ibiri ishize, amavugurura twakoze n'umwete twakomeje kugira byatumye tubona amakuru akomeye ashobora kudufasha.

N'ubwo bibabaje bwose, ni ngombwa kubabwira ko hari ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bitadufasha uko tubyifuza.

Mbabajwe cyane no kubona Afurika y'Epfo imaze igihe kirekire idashyira mu bikorwa Urwandiko rwo gufata rwatanzwe na IRMCT. Kuva aho Ibiro nyobora bimenyesherejwe ku mugaragaro muri Kanama 2018 ko hari umuntu ushakishwa uri muri Afurika y'Epfo, nakoze uko nshoboye kugira ngo uwo muntu afatwe. Igihe cyose, twagerageje kugira ibanga kuri iki kibazo no kubahiriza ukutavogerwa kw'igihugu cy'Afurika y'Epfo.

**Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha**
Arusha, terefone: +255 (0)27 256 5376
Lahe, terefone.: +31 (0)70 512 5691
Imeyiri: mict-press@un.org
Dukurikire kuri Facebook, Twitter, YouTube, LinkedIn
www.irmct.org

Mu biganiro twagiye tugirana  mu mwaka ushize, Afurika y'Epfo yatanze impamvu zagiye zihindagurika zatumye itagira icyo ikora. Kuri buri nzitizi yagaragaye, Ibiro nyobora byihatiye gukorana n'Afurika y'Epfo no gushaka umuti w'ikibazo. Icyatubabaje ariko, ni uko nta kintu cyahindutse. Ibyo ni  byo byanteye kugeza icyo kibazo kuri iyi Nama muri raporo yanjye iheruka.

Mu kwezi kwa Nyakanga,  nyuma yo kwizezwa ko hagiye kubaho ubufatanye, nagize icyizere ko igikorwa cyo gufata ushakishwa cyari kuba vuba. Muri Nzeri, Ibiro nyobora byaje gutungurwa cyane no kubona igisubizo cy'ubuyobozi bwo muri Afurika y'Epfo kitumenyesha ku ncuro ya mbere ko, nyuma y'ibiganiro byari bimaze umwaka urenga, idashobora gufatanya na twe kubera ko bidateganyijwe mu mategeko y'icyo gihugu. Twahise tubasubiza dushimangira inshingano Afurika y'Epfo ifite yo kudufasha hashingiwe ku Mutwe wa VII w'Itegeko Shingiro ry'Umuryango w'Abibumbye, tunibutsa icyifuzo cyacu gisaba ko ushakishwa ahita afatwa.

Nyuma y'aho tugereje ku Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi raporo yacu yanditse inenga imikorere y'Afurika y'Epfo, mu cyumweru gishize icyo gihugu cyatumenyesheje ko noneho cyashyikirije Urwandiko rwo gufata abayobozi bo mu rwego rw'ubutabera rurebwa n'icyo kibazo kugira ngo barushyire mu bikorwa. N'ubwo dushima iyi ntera yatewe nyuma y'umwaka hafi n'igice nta gikorwa, ukuri ni uko n'ubu mvugira aha, ushakishwa atarafatwa.
Kuri iyi ntera tugezeho, icyanezeza abakorewe ibyaha ndetse n'iyi Nama ni uko ushakishwa yahita atabwa muri yombi.

Hari n'ahandi duhura n'inzitizi zerekeranye no kubura kw'ubufatanye.

Mu rwego rw'iperereza, Ibiro nyobora bigenda bibona amakuru y'ingirakamaro: amanomero ya terefone, aho abantu batuye, ibyangombwa bibaranga, ingendo bakora, n'ibindi. Twatanze inyandiko nyinshi zisaba ubufasha bwihutirwa, cyane cyane ku bihugu byo muri Afurika y'i Burasirazuba n'iy'Amajyepfo kugira ngo dushobore gukurikirana iby'ayo makuru.

Cyakora, hashize igihe kirenga umwaka hataratangwa ibisubizo ku byifuzo byinshi bikomeye bisaba ubufasha kandi byihutirwa.

Mu bindi bibazo, dufite amakuru yizewe agaragaza ko abantu bakurikiranywe na IRMCT bagishakishwa bashoboye guhabwa amapasiporo mu bihugu binyuranye, mu buryo bunyuranyije n'amategeko bakoresheje ruswa. Ibyo bayatumye babasha kwambuka imipaka y'ibihugu nta nkomyi maze baduca mu myanya y'intoki.

Nyamara ariko, abayobozi bo muri ibyo bihugu ntibaduhaye uburyo bwo kubona amakuru no kugera ku bantu dukeneye cyangwa ngo basuzume, byihutirwa, ibyifuzo twabagejejeho.

Inama ishinzwe Amako ku isi yasabye kenshi ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye ubufatanye bwose bukenewe mu bikorwa byo gushakisha abakekwaho ibyaha batarafatwa. Ikibabaje ariko ni uko Reta zimwe na zimwe zitita kuri ubwo butumwa. Iyo igihugu kiri mu bigize iyi Nama kimaze amezi 16 kitarafata umuntu ushakishwa kubera ibyaha bya jenoside, biba urugero rubi rutuma ikigambiriwe kitagerwaho.

Uyu mwaka, turibuka ku ncuro ya 25 jenoside yabaye mu Rwanda. Abakorewe ibyaha bamaze igihe gikabije kuba kirekire bategereje ko abakekwaho ibyaha bagishakishwa bashyikirizwa ubutabera. Kugera ku ntego yacu bizaterwa n'uko ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bidufasha mu buryo bwuzuye kandi nta kuzarira.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Ku byerekeranye n'ibikorwa byo gukurikirana ibyaha byakorewe mu Rwanda no mu cyahoze ari Yugosilaviya ku nzego z'ubushinjacyaha bw'ibihugu, raporo yanjye yanditse ikubiyemo amakuru arambuye yerekeranye n'aho bigeze ubu n'inzitizi bihura na zo.

Biragaragara ko hakiri byinshi byo gukora kugira ngo ubutabera burusheho kugera ku mubare munini w'abakorewe ibyaha.

Ibiro nyobora bikomeje kwakira umubare munini w'ibyifuzo bisaba ubufasha bivuye mu buyobozi bw'ibihugu. Icyo ni ikimenyetso gifatika kigaragaza ko, muri ibyo bihugu, hari iperereza n'ikurikiranacyaha birimo gukorwa.

Ikibabaje ariko ni uko kwita intwari abahamwe n'ibyaha by'intambara no guhakana ibyaha, birimo n'icya jenoside, bikomeje kuba inzitizi ikomeye ku bikorwa bigamije guhana abakoze ibyaha no guharanira ubwiyunge.

Mu gihe Ibiro nyobora bikora ibishoboka kugira ngo hamenyekane aho abantu umunani TPIR yakoreye Inyandiko z'ibirego bagishakishwa baherereye, inzego z'ubuyobozi zo mu Rwanda zo zirashakisha abandi bantu bakekwaho kugira uruhare muri jenoside batarafatwa bagera nibura kuri 500. Tuzakomeza gushyigikira Umushinjacyaha Mukuru w'u Rwanda n'urwego ayoboye muri ibyo bikorwa, kandi ubufatanye bwacu buzakomeza gukura bugana mu cyerekezo cyiza.

Cyakora, haracyariho ibikorwa bihuriweho bigamije guhakana jenoside yabaye mu Rwanda, cyane cyane mu matsinda y'Abanyarwanda baba mu mahanga. Bamwe bashyigikira inkuru zihakana cyangwa zipfobya jenoside, abandi bagakomeza guhakana ko ibyaha byakozwe hagamijwe kurimbura ubwoko bw'Abatutsi bwose uko bwakabaye cyangwa igice cyabwo.

Ku byerekeranye n'icyahoze ari Yugosilaviya, ubuyobozi bw'ibihugu ni bwo ubu bufite inshingano y'ibanze yo gutanga ubutabera mu manza z'ibyaha by'intambara kandi haracyari imanza zibarirwa mu bihumbi zigitegereje kuburanishwa n'inkiko z'imbere mu gihugu. Ibyo bizashoboka gusa ari uko habayeho impinduka zikomeye mu byerekeranye no gufatanya mu by'ubutabera ku rwego rw'akarere.

Gufatanya na bagenzi bacu b'abashinjacyaha ni ikintu gikomeye gikeneye gutezwa imbere.

Mu cyumweru gishize, bisabwe n'Umushinjacyaha ukurikirana ibyaha by'intambara muri Seribiya, Ibiro nyobora byakoresheje amahugurwa yamaze iminsi itanu yari agenewe abashinjacyaha bungirije n'abafasha mu by'amategeko bashya, hifashishijwe inkunga igihugu cy'u Buholandi cyatanganye umutima mwiza.

Na none, mu ntangiriro z'umwaka utaha, bisabwe n'Ibiro bya Porokireri wa Bosiniya na Herizegovina, Ibiro nyobora bizaha abakozi baho amahugurwa yo ku rwego rwo hejuru mu byerekeranye no gukurikirana ibyaha by'urugomo rushingiye ku gitsina.

Cyakora na none, hashize imyaka nshimangira, mu maraporo yanjye yanditse, ko umuco wo guhakana ibyaha no gushima ubutwari abahamwe n'ibyaha by'intambara ugenda ukwira hose mu cyahoze ari Yugosilaviya. Uwo muco mubi rero uragenda urushaho gufata intera ndende.

Uyu mwuka ugira ingaruka mbi, mu buryo bugaragara, ku butabera bwo mu gihugu ku byerekerany n'ibyaha by'intambara. Nta bwiyunge nyabwo bushobora kubaho igihe imiryango igenda irushaho kwitandukanya aho kwegerana.

Kugira ngo umuntu yumve uko iki kibazo kimeze, birahagije kureba ibikorwa by'abanyaporitike bamwe na bamwe. Ntibashaka amajwi bizeza abantu ubwiyunge cyangwa bahuza imiryango imwe n'iyindi; ahubwo, abo

banyaporitike babona ko bashobora gutsinda amatora bahakanye ibyaha kandi bagashimagiza ababikoze. Bamwe bashyigikira amateka agoreka ibyabaye naho abandi bagashakisha amajwi bizihiza ibikorwa by'abahamwe n'ibyaha by'intambara aho kubamagana.

Mu Rwanda no mu cyahoze ari Yugosilaviya, abashinjacyaha, abacamanza, sosiyete sivire n'abandi bantu bakomeje urugamba rwo gushyikiriza ubutabera abakoze ibyaha by'agahomamunwa bisumba ibindi, kwimakaza umuco wo kugendera ku mategeko no gushyigikira ubwiyunge. Ubu ni bwo bakeneye inkunga n'imfashanyo byacu kuruta mbere.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Mu gusoza, Ibiro nyobora bishishikariye cyane kurangiza imirimo isigaye, mu buryo bwiza kandi bunoze. Dushyigikiye byimazeyo isuzuma ririmo gukorwa n'Ibiro bya Serivise z'igenzura ry'imbere mu Muryango w'Abibumbye

Mu rwego rwo gushakisha abakekwaho ibyaha batarafatwa, Ibiro nyobora bikeneye inkunga y'iyi Nama. Hari ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bitubahiriza inshingano zabyo kandi bitagaragaza ubufatanye. Iyi Nama ishobora gutanga ubutumwa bweruye ikibutsa, ikomeje, ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye ko igikorwa cyo gushakisha abakekwaho ibyaha gikomeje kuba ingenzi kugira habeho amahoro n'umutekano ku rwego mpuzamahanga.

Twiyemeje kandi gukomeza gutera inkunga gahunda y'ibikorwa byo gusoza imirimo ya TPIR na TPIY bikorwa n'abayobozi bo mu bihugu kugira ngo ubutabera burusheho kugera ku mubare munini w'abakorewe ibyaha.

Turashimira iyi Nama kubera inkunga ikomeza kudutera mu bikorwa byacu byose. Mwakoze kunkurikira.